

MINISITERI Y'IBIDUKIJE IKIGO CY'IGIHUGU CY'UBUMENYI BW'IKIRERE	P.B. 898 Kigali Tel: 6080 Toll free Fax: (+250)0252 585755 E-mail: info@meteorwanda.gov.rw	
---	---	--

ITEGANYAGIHE RY'ITUMBA №48 (WERURWE-GICURASI 2018)

Ikigo cy'Ighugu Gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose uko imvura y'Itumba (Werurwe, Mata na Gicurasi) rya 2018 izaba iteye.

Impuguke Mpuzamahanga n'iz'Akarere k'Iburasirazuba n'Ihembe rya Afrika mu by'ubumenyi bw'ikirere zahuriye i Nairobi muri Kenya mu kigo cya ICPAC (IGAD Climate Prediction and Application Center) kuva taliki ya 05 kugeza taliki ya 10 Gashyantare 2018, hagamijwe kwiga no gusesengura ibipimo by'imvura n'ubushyuhe by'igihe kirekire cyashize cy'imyaka 30 mubihugu 10 by'Akarere (Burundi, Djibuti, Ethiopia, Kenya, Rwanda, Somalia, South Sudan, Sudan, Tanzania na Uganda). Ibigo by'ubushakashatsi bitandukanye byo kw'isi no mu Karere byitabiriye izo nama, maze nyuma yo kungurana ibitekerezo impuguke zigera ku mwanzuro w'icyegeranyo cy'iteganyagihe ry'Itumba rya 2018 ku migwire y'imvura mu karere ka IGAD n'ak'ibiyaga bigari u Rwanda ruherereyemo.

Duhereye kuri icyo cyegeranyo cy'imigwire y'imvura mu Karere, n'ibipimo by'imvura n'ubushyuhe byo kuri sitasiyo zo mu gihugu cyacu mu gihe cy'imyaka 30 ishize, iby'ubushyuhe bw'amazi y'inyanja ya Pasifika, iy'Ubuhindu n'iy'Atalantika,

Dukurikije kandi isesengura ry'ibipimo bituruka ku runyurane rw'imiyaga ifata akarere k'Afurika yo hagati, iy'iburasirazuba n'iy'ihembe rya Afrika, dusanga imvura y'Itumba 2018 izaba igabanyijemo ibyiciro bitatu bikurikira.

Imvura isanzwe : Igipimo cy'imvura isanzwe igwa mu bihe byiza ni igipimo mpuzandengo kiri hagati ya milimetro 250 na 430 y'igiteranyo cy'imvura yapimwe mu mezi y'Itumba kuri sitasiyo.

Imvura nyinshi : Ni imvura iri hejuru ya milimetro 430 y'igiteranyo cy'imvura yapimwe kuri sitasiyo mu mezi atatu y'Itumba

Imvura Nkeya : Ni imvura iri munsi ya milimetro 250 y'igiteranyo cy'imvura yapimwe kuri sitasiyo mu mezi atatu y'Itumba.

Duhereye kuri ibi byiciro bitatu bivuzwe haruguru ndetse no ku miterere ya buri karere mu Rwanda, imvura y'Itumba izaba iteye itya :

- ❖ Mu Ntara y'Amajyaruguru (Musanze, Burera ,Gicumbi, Rulindo na Gakenke), Amajyepfo y'Intara y'Iburengerazuba (Rusizi na Nyamasheke) ; Intara y'Iburasirazuba (Agace gato ka Nyagatare na Gatsibo byegereye Intara y'Amajyaruguru) bizagira imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza by'itumba ishobora kwiyongera ikaba nyinshi. (Reba ikarita yerekana iteganyagihe ry'imvura y'itumba 2018 iri hasi mu ibara ry'icyatsi)
- ❖ Umugi wa Kigali (Kicukiro, Nyarugenge na Gasabo), Intara y'Amajyepfo (Nyamagabe, Huye, Muhanga, Ruhango, Nyanza, Gisagara, Kamonyi na Nyaruguru), Intara y'Iburasirazuba (igice kinini cya Nyagatare, igice kinini cya Gatsibo, Ngoma, Bugesera, Kayonza, Rwamagana na Kirehe), Intara y'Iburengerazuba (Rubavu, Rutsiro, Nyabihu, Ngororero na Karongi), hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza by'itumba ishobora kuba nkeya (Reba ikarita yerekana iteganyagihe ry'imvura y'itumba 2018 iri hasi mu ibara ry'Ubururu).

IKARITA YEREKANA ITEGANAGIHE RY'IMVURA Y'ITUMBA 2018 (WERURWE, MATA NA GICURASI)



Itangira n'irangira ry'Imvura y'Itumba

Muri rusange igihembwe cy'imvura y'Itumba ry'umwaka wa 2018 cyatangiye kare ugereranyije n'imyaka ishize, kikaba cyaratangiye mu cyumweru cya gatatu cya Gashyantare 2018 mu Rwanda hose. Ibyo bikaba byaratewe ahanini n'inkubi y'umuyaga yabaye mu nyanja y'Ubuhinde muri Mutarama 2018. Biteganyijwe ko Imvura y'Itumba izatangira gucika mu cyumweru cya nyuma cya Gicurasi 2018 kugeza mu cyumweru cya mbere cya Kamena 2018.

Inama n'ingamba zikwiriye gufatwa hakurikijwe iteganyagihe ry'Itumba rya 2018


Bitewe n'uko igice kinini cy'ighugu kizagusha imvura iringaniye ariko ishobora kuba nkeya nkuko byagaragajwe hejuru ku ikarita ;

Ikigo cy'Ighugu Gishinze Ubumenyi bw'Ikirere kirasaba abaturarwanda bose muri rusange ko byaba byiza begereye impuguke zikora imirimo itandukanye, cyane cyane abakora mu buhinzi n'ubworozi, bakabagira inama kubijyanye n'ingamba zikwiye gufatwa n'uko abantu bagomba kwitwara no gushyira mu bikorwa ibikubiye muri icyi cyegeranyo cy'imvura y'itumba rya 2018.

Icyitonderwa

Iri tegenyagihe rikoreshwa ryunganiwe n'irindi teganyagihe ritangwa mu byiciro bitandukanye (Iry'amasha atandatu, iry'umunsi umwe, iry'iminsi itanu, iry'iminsi 10 n'iry'ukwezi). Abakeneye ibisobanuro byimbitse bijyanye n'iri teganyagihe ritangajwe bashobora kugana Ikigo cy'Ighugu Gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere, bagahabwa ibindi bisobanuro. Bashobora kandi guhamagara kuri nimerio itishyurwa **6080**.

Bikorewe i Kigali, kuwa 21/02/2018.



John NTAGANDA SEMAFARA
Umuyobozi Mukuru